"Excellence in Legal Practice" join our website www.ilpd.ac.rw

omni PLUS Cross-Border Rapid Payment™ FIND OUT MORE Ecobank The Pan African Bank

TURNING YOUR IDEAS INTO POWERFUL CONTENT. storykast

# Ntibyemewe gukubita umwana inkoni, inshyi cyangwa inkonji-RIB

Yanditswe na Utuje Cedric
Kuya 21 June 2026 saa 12:09



Umuvugizi w'Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB), Dr. Murangira B Thierry, yakebuye ababyeyi bahana abana babo bihanukiriye, ku buryo bishobora kubaviramo kugira ibikomere bikomeye.

Yasuwe : | Yavuzweho:

Ibi yabigarutseho ku wa 19 Kamena 2026, ubwo kuri Sitasiyo ya RIB ya Nyamata, uru rwego rwashyikirizaga abantu telefone 140 zifite agaciro kari hejuru ya miliyoni 40 Frw, bari bibiwe hirya no hino mu gihugu.

Muri iki gikorwa, RIB yerekanye abantu batatu bakekwaho ubwo bujura ndetse n'abandi umunani bakuriranyweho ibyaha by'ubwicanyi bakoreye mu mirenge itandatu yo muri aka karere.

Umuvugizi wa RIB, Dr. Murangira B Thierry, yavuze ko muri iyi minsi basigaye bakira ibirego bijyanye n'abana bahohotewe n'ababyeyi n'abarimu babo ahanini bitewe n'ibihano bikomeye baba babahaye kubera amakosa bakoze.

Ati "Muri iyi minsi turi kubona ababyeyi n'abarimu baha abana bato ibihano biremereye. Turabibutsa ko ibihano biremereye bibangamira uburenganzira bw'abana kuko harimo ibikorwa bitemewe gukorera umwana ubyita ibihano."

Mu ngingo ya gatatu y'itegeko ryerekeye kurengera umwana risobanura ko ibihano biremereye, aba ari ibihano bitajyanye n'imiterere y'umwana, ibimuhahamura cyangwa ibishobora gushyira ubuzima bwe mu kaga.

Harimo kandi ibihano bishobora gukorwa ku mubiri w'umwana cyangwa mu mitekerereze kandi bigira ingaruka zikomeye ku buzima bw'umwana.

Murangira yagaragaje ko bitemewe "Gukubita umwana ugasanga wakoresheje inkoni, umukandara, kumurya ibinyunguti, kumukubita inshyi, kumukurura amatwi, kumukubita inkonji, imigeri ndetse n'ibindi bibi."

Yavuze ko uretse no gukubita abana, ababyeyi badakwiriye kubabwira amagambo abashengura umutima, abatesha agaciro kuko bituma bahora bafite umutima uhagaze.

Uyu muyobozi yavuze ko batigeze babuza ababyeyi guhana abana babo, ahubwo ko bakwiriye kubikora mu buryo bukwiriye ndetse bakabikorana urukundo rwa kibyeyi.

Ati "Ubutumwa burimo si ukubuza ababyeyi guhana abana, ariko igihe uri guhana umwana uri kumuhanana urukundo cyangwa uri kubikorana uburakari."

Ingingo ya 28 y'itegeko rirengera uburenganzira bw'abana riteganya ko uwahamijwe icyaha cyo gukubita umwana ahanishwa igihano cy'igifungo kiri hagati y'imyaka ibiri n'itatu n'ihazahabu y'ibihumbi 200 Frw na 300 Frw.

Iyo wamukubise bikamuviramo ubumuga, uhanishwa igihano kiri hagati y'imyaka 7 na 10 ndetse akishyura ihazahabu ya miliyoni 1 Frw na miliyoni 2 Frw. Iyo byamuviriyemo urupfu ni igihano cya burundu.




Umuvugizi wa RIB, Dr. Murangira B Thierry yaburiye ababyeyi bahana abana bihanukiriye

Kwamamaza
Leaderboard Ads Banner 728 x 90
ADVERTISE WITH US NOW ! CLICK FOR MORE
Kwamamaza

## Izindi nkuru wasoma

- Amakuru — Gloria Mukamabano agiye gusubira mu itangazamakuru — 0 0
- Amakuru — Rwamagana: Arenga miliyoni 700 Frw agiye gukoreshwa mu kwagura Ikigo Nderabuzima cya Muyumbu — 4 0 0
- Amakuru — G.S Mubuga yahize andi mashuri yo mu Rwanda mu marushanwa y'Ikinyarwanda, umuco n'umurage — 8 0 0
- Amakuru — Amaze imyaka 16 mu buraya, yahuye n'abagabo bicuruza, abona umukiliya w'Umupasiteri- Inkuru ya Keza — 0 0

## Inkuru ziheruka - U Rwanda

- Impamvu u Rwanda rushaka ko Intara y'Amajyaruguru ijya muri 'UNESCO Global Geopark' — 21/06/26 - 07:52
- Ihuriro ry'amabanki ryatangije urubuga rwigisha amasomo y'ubukungu burengera ibidukikije — 20/06/26 - 09:55
- Kayonza: Babiri batekaga kanyanga baburanishirijwe mu ruhame bahita banakatirwa — 20/06/26 - 08:59
- ActionAid yahaye inkunga Abarokotse Jenoside batishoboye — 20/06/26 - 07:50
- Abagenagaciro basuye urwibutso rwa Kiziguro, basabwa kurwanya ingengabitekerezo y'urwango — 20/06/26 - 06:18
- RIB yasobanuye uko Marchal Ujeku yanyanganyije abantu ibibanza bya miliyoni 144 Frw — 20/06/26 - 02:25

Kwamamaza

## TANGA IGITEKEREZO

AMATEGEKO AGENGA IYANDIKA RY'IGITEKEREZO CYAWE

Kwamamaza
Leaderboard Ads Banner 728 x 90
ADVERTISE WITH US NOW ! CLICK FOR MORE

## Inkuru zamamaza

- StarTimes yashyiriyeho abakiliya bayo iserukiramuco rya siporo na ...
- Abakunzi b'imikino bafunguriwe amarembo muri 'Skol Football Village'
- Zaria Court yafunguriye amarembo abifuza kureba Igikombe cy'Isi
- KTN Rwanda yahawe igihembo mu bigo by'indashyikirwa

SOMA IBINDI

## Amatangazo

- NCBA Bank Rwanda: Invitation to Tender: Digital Archiving and Records ... — 18/06/2026
- Pentecostal Church of Rwanda ADEPR Church: Job Announcement — 18/06/2026
- Pentecostal Church of Rwanda ADEPR Church: Job Announcement — 18/06/2026
- NCBA Bank Rwanda Plc Invitation to Tender — 17/06/2026

SOMA IBINDI

## IGIHE Documents

SOMA IBINDI

Kwamamaza
ads.igihe.com refused to connect.
ERR_BLOCKED_BY_RESPONSE
African National Preventive Mechanisms Network (ANPMN)
Kinazi Fine Cassava Flour 1KG 1,500 Frws
AMAMAZA HANO! KANDA AHA UMENYE UKO WABIGENZA Wide SkyScraper Ads Banner 160x400 ADVERTISE WITH US NOW! CLICK FOR MORE



Copyright 2009 - 2026 | IGIHE Ltd | All Rights Reserved